# Guverinoma irimo guhindura amategeko mu rwego rwo kurinda New Zealand kwinjirirwa n'abanyamahanga

**Ushobora gutanga igitekerezo cyawe kuri iri hinduka**
Amakuru akurikira asobanura ibyo Guverinoma iri gukora n'uburyo ushobora kubigiramo uruhare.

## Ni iki kirimo kuba?

Guverinoma irimo gufasha gukomeza amategeko mpanabyaha mu gufasha Polisi n'ibindi bigo bifatanyije guhangana no kwivanga kw'amahanga.

Izi mpinduka ziri gukorwa binyuze mu **Ibyaha (Gukumira kwivanga kw'amahanga)Umushinga wo Guhindura Itegeko.**

Iri Tegeko ririmo kwigwaho na Komite Ishinzwe Ubutabera mu Nteko Ishinga Amategeko. Iyi Komite izatanga inama ku buryo uyu Mushinga w'itegeko wanozwa mbere y'uko wemerwa nk'itegeko.

## Kwivanga kw'amahanga ni iki?

Kwivanga kw'amahanga ni igihe guverinoma yo mu gihugu cy'amahanga igerageza kwivanga mu baturage ba New Zealand mu buryo bw'ibanga, bushingiye ku gukoresha ububasha cyangwa kubeshya. Ibi bikorwa byangiza New Zealand n'imiryango yacu.

Kwivanga kw'amahanga bishobora kugira ingaruka ku gihugu cyose. Urugero, bishobora kugira ingaruka ku mutekano w'igihugu, ubukungu, amatora, cyangwa ibyemezo bya guverinoma.

Kwivanga bishobora kandi kugira ingaruka ku bantu ku giti cyabo n'imiryango. Ibi bikorwa bishobora gutuma abantu bumva badatekanye cyangwa bakagira ubwoba bwo gukora cyangwa kuvuga ibintu kubera impungenge z'icyo Guverinoma y'amahanga ishobora kubakoraho cyangwa imiryango yabo. Ibi ntibikwiye kuko amategeko yacu aha abantu uburenganzira n'ubwisanzure, kandi ibihugu by'amahanga ntibikwiye kugeregeza kugenzura ibikorwa by'abaturage bacu hano.

## Amategeko agiye guhinduka ate?

Kwivanga kw'amahanga kw'igihugu icyo ari cyo cyose kuri New Zealand ntikwemewe.

Ibyaha bishya bizatuma ibikorwa byo kwivanga kw'igihugu cy'amahanga n'ibindi bikorwa byangiza bihinduka ibyaha. Ibi bizaba bimwe mu byaha bikomeye muri New Zealand. Ibindi byaha bisanzweho birimo guhindurwa kugira ngo habeho kurengera amakuru akomeye ya guverinoma mu buryo bwiza.

Izi mpinduka zizatuma abantu bakora ibikorwa byangiza babikorera igihugu cy'amahanga bashobora guhagarikwa no gukurikiranwa n'amategeko mpanabyaha.

## Natanga igitekerezo cyanjye gute?

Komite Ishinzwe Ubutabera mu Nteko Ishinga Amategeko yasabye abaturage gutanga ibitekerezo byabo ku Mushinga w'itegeko mushya binyuze mu "guhamagarira gutanga ibitekerezo". Ibi bikorwa mu gihe runaka igihe iyi Komite iri gutekereza kuri uyu Mushinga w'itegeko.

Amakuru arambuye ku Mushinga w'itegeko no ku buryo bwo gutanga igitekerezo ushobora kubisanga kuri interineti kuri: https://bills.parliament.nz/v/6/5c7f002d-e4b4-4573-5563-08dd042d0cd2?Tab=history

Komite ubusanzwe ishyira ku mugaragaro ibitekerezo byatanzwe n'abantu ku rubuga rw'Inteko ishinga amategeko. Mbere yo gutanga igitekerezo, ushobora gusaba Komite ko igitekerezo cyawe cyagirwa ibanga niba utifuza ko gishyirwa ku ka rubanda. Komite igomba kubyemeza mbere y'uko wohereza igitekerezo cyawe.

Urubuga rwa Minisiteri y'Ubutabera na rwo rufite amakuru ku bijyanye n'ibikorwa byo kwivanga kw'amahanga, Umushinga w'itegeko, n'uburyo bwo gutanga amakuru ku bikorwa byo kwivanga kw'amahanga ku bigo bya Guverinoma. Ushobora kubisanga mu gice cya "Countering Foreign Interference-Guhangana no kwivanga Kw'Amahanga" ku rubuga rwa Ministry's Key Initiatives: https://www.justice.govt.nz/justice-sector-policy/key-initiatives/countering-foreign-interference